**REPUBULIKA Y'U RWANDA**


**MINISITERI Y'IBIKORWAREMEZO**
**P.O. Box 24 KIGALI**
**E-mail: info@mininfra.gov.rw**


# ITANGAZO

Hashingiwe ku ngamba za Guverinoma y'u Rwanda zo gukumira ikwirakwira ry'icyorezo cya koronavirusi;

Hamaze gusuzumwa uburyo bamwe mu bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka, abashoferi b'amakamyo n'abandi babanza kwipimisha koronavirusi mbere yo gutangira ingendo ariko icyorezo kigakomeza kwiyongera ku mipaka;

Hashingiwe ku mabwiriza y'Umuryango w'ibihugu by'Afurika y'i Burasirazuba (EAC) yo ku wa 24 Mata 2020 arebana no koroshya urujya n'uruza rw'ibicuruzwa na serivisi mu gihe cy'icyorezo cya Covid-19 no mu rwego rwo kugabanya ubucucike ku mipaka;

Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA) iributsa abantu bose cyane cyane abacuruzi n'abashoferi b'amakamyo bifuza gukora ingendo zambuka imipaka ko bagomba kwipimisha mbere yo gutangira ingendo zabo, bagahabwa icyemezo cy'uko bipimishishije Covid-19 cyerekanwa ku mipaka.

Icyemezo bagomba kugaragaza ni icya *SARS-CoV2 Real Time Polymerase Chain Reaction* (RT-PCR) kigaragaza ibipimo byafashwe mu gihe kitarenze amasaha 120 mbere yo gutangira urugendo. Ibindi bizamini ntibyemewe.

Ibyemezo byerekanwa ni ibigaragaza ibipimo byafatiwe mu bigo by'ubuzima byemewe na Minisiteri y'Ubuzima gusa. Tuributsa abo bireba bose kandi ko nta bizamini bikorerwa ku mupaka.

Utubahirije aya mabwiriza ajyanwa gupimirwa ahabugenewe kandi akiyishyurira ikiguzi kirebana n'urugendo, ibizamini n'ibindi byose bimugendaho.

Bikorewe i Kigali ku wa 11 Gashyantare 2021

**Minisiteri y'Ibikorwaremezo**

MINISTRY OF INFRASTRUCTURE
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU